**UBUTUMWA BWO GUKANGURIRA ABATURARWANDA KWITABIRA IBARURA RUSANGE RY'ABATURAGE N'IMITURIRE MU RWANDA**

**16-30 KANAMA, 2022**

**UMUGANDA W' UKWEZI KWA KAMENA- 2022**

Leta y'u Rwanda binyuze mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR) iri gutegura Ibarura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire rya Gatanu rizaba mu kwezi kwa Kanama 2022. Ibarura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire ni imirimo ijyanye no gukusanya amakuru y'abatuye igihugu hashingiwe ku itariki y'ijoro ry'ibarura (Ijoro ry'itariki ya 15 rishyira tariki ya 16 Kanama, 2022), kuyasesengura no gutangaza imibare y'ibyavuyemo kugirango bifashe Igihugu mu gutegura igenamigambi rifasha mu iterambere ry'Igihugu n'abaturarwanda muri rusange.

## I. INTEGO Z'IBARURA RUSANGE RY'ABATURAGE N'IMITURIRE KU NSHURO YA GATANU MU RWANDA

Iri Barura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire rigiye kuba ku nshuro ya gatanu mu Rwanda rigamije gutanga imibare y'ibipimo byifashishwa n'inzego zinyuranye mu gutegura no gusuzuma gahunda zitandukanye z'iterambere rigamije imibereho myiza y'abaturarwanda. Muri zo twavuga nka Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi 2017-2024 (NST1), gahunda z'iterambere ry'uturere, Icyerekezo 2050, Intego z'Iterambere Rirambye (SDGs), n'izindi ku nzego zose z'ubuyobozi bw'igihugu .

Iri Barura Rusange rya gatanu ry'Abaturage n'Imiturire rigamije:

- Gutanga imibare y'abatuye u Rwanda bose muri buri Ntara, Akarere, Umurenge, Akagari n'Umudugudu n'uburyo batuye mu bice by'icyaro no mu mijyi, ndetse na bimwe mu biranga imibereho n'ubukungu byabo;
- Gutanga amakuru yerekeye imiturire ndetse n'imibereho myiza y'abaturage;
- Gutanga ibipimo by'uburumbuke, impfu, abimuka n'ubwiyongere bw'abaturage muri rusange;
- Gutanga Ibipimo bigaragaza umubare w'abaturarwanda n'imibereho yabo mu byiciro byihariye by'abaturage (abagore, abana, urubyiruko, abageze mu zabukuru n'abafite ubumuga);
- Kugaragaza imbibi za buri rwego rw'ubuyobozi mu gihugu uhereye ku mudugudu;
- Gutanga ikigereranyo cy'imibare y'abantu bazaba batuye u Rwanda mu myaka iri imbere,...

## II. INGENGABIHE Y'IMIRIMO Y'IBARURA RUSANGE RY'ABATURAGE N'IMITURIRE MU RWANDA

### 1. Gushyira nimero ku nzu: 10-14 Kanama, 2022

- Izi nimero zizafasha umukarani w'ibarura kutagira urugo na rumwe yasiga atarubaruye cyangwa se ngo abe yarubarura incuro zirenze imwe.

Ikindi, zimufasha kumenya umubare w'ingo ziri mu gice yahawe kubarura mu gihe cyateganyijwe bimufasha kwiha gahunda y'akazi kugirango kazarangirire igihe.
**Izi nimero ziguma aho zanditswe/zashyizwe mu gihe cyose cy'ibarura. Nta muntu n'umwe wemerewe kuzisiba.**

- Muri iki gihe cyo gushyira nimero ku nzu zituwe n'izishobora guturwa n'ingo, umukarani w'ibarura azacyenera **amazina ya ba nyiri ingo na nimero za telephone bashobora kubonekaho** kugira ngo igihe bizaba ngombwa azazifashishe mu gihe atamusanze mu rugo mugihe cy'Ibarura nyirizina.

- Umukarani w'ibarura azacyenera kandi **umubare w'abantu basanzwe batuye mu rugo** kugira ngo agire ishusho y'akazi k'ibarura azakora aho ashinzwe kubarura.

Ni yo mpamvu nyiri urugo cyangwa abandi basobanukiwe iby'urugo bagombye kuba bahari muri iki gihe cyo gushyira nimero ku nzu kugira ngo batange ayo makuru.

## 2. Gukusanya amakuru mu ngo: 16-30 Kanama 2022

- Iki gikorwa ntikigomba kurenza minsi 15 yateganyijwe. **Iki gikorwa ntabwo gihagarika imirimo abantu basanzwe bakora kandi na cyo ntikigomba kurenza iyi minsi;** ni yo mpamvu abayobozi b'imidugudu, ba mutwarasibo basabwa gufasha umukarani w'ibarura kugena uko ikusanyamakuru rizakorwa hatagize ubangamirwa.

- Nyiri urugo cyangwa abandi bantu bazi amakuru y'urugo bazavugana n'umukarani w'ibarura, bumvikane igihe yabagereraho.

## 3. « Ijoro ry'Ibarura » Ijoro ry'itariki ya 15 rishyira itariki ya 16 Kanama 2022

- Itariki ya 15 Kanama, 2022 nta gikorwa cy'ibarura giteganyijwe ariko ni ingenzi cyane muri gahunda y'Ibarura Rusange ry'Abaturage n'imiturire. Iyi tariki iramenyerewe nk'umunsi w'ikiruhuko mu gihugu, benshi bayizi **nk'Umunsi Mukuru wa Asomusiyo.**

- Impamvu iyi tariki ari ingenzi ni uko ijoro ryayo rishyira itariki ya 16 Kanama ari ryo **Joro ry'Ibarura:** **<u>Ijoro ryo ku wa 15 rishyira uwa 16 Kanama 2022.</u>**

- Ryitwa Ijoro ry'Ibarura kubera ko amakuru hafi ya yose kuri buri muntu mu batuye urugo rubarurwa ndetse n'abashyitsi bazaba baraye muri urwo rugo kuri iryo joro ashingira kuri ryo. Ntihagire utekereza ko urugo rwe ruzabarurwa muri iryo joro. Ahubwo igisabwa ni ukuzibukiranya abari mu rugo (abasanzwe baba mu rugo bahara ye cg bataharaye n'abashyitsi bari mu rugo ku ijoro ry'ibarura).

## III. Ibisabwa Abayobozi b'inzego z'ibanze n'abaturarwanda bose muri rusange

Ibarura ni igikorwa kinini kandi gisaba uruhare rwa buri muturarwanda kuko ibarura rizabarura ingo zose n'abaturarwanda bose. Ni muri urwo rwego buri muturarwanda wese n'inzego z'ibanze basabwa kugira uruhare muri iki gikorwa.

By'umwihariko inzego zose n'abaturarwanda basabwa ibi bikurikira:

- Gufasha abakarani b'ibarura igihe cyose babiyambaje no kuborohereza akazi;
- Kudasiba nimero zanditse ku nzu mu gihe cyose cy'ibarura kandi zikaguma aho zanditswe/aho zashyizwe kugeza mu kwezi k'Ukwakira 2022;
- Kumenya abantu bose bagize ingo n'abashyitsi baraye mu ngo mu ijoro ry'ibarura;
- Kwakira neza abakarani b'ibarura mu gihe cy'ikusanyamakuru.
- Gutanga amakuru y'ukuri ku bibazo byose umukarani w'ibarura abaza.

**Ubu butumwa ni ubw'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda**

for.

MURENZI Ivan
Deputy Director General
National Institute of Statistics
of Rwanda

**Bwana MURANGWA Yusuf**

**Umuyobozi mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe**

**Ibarurishamibare mu Rwanda**